**A Amategeko:**

- ❖ **Amategeko mu Buturo Bwera bwo mu Ijuru.**
  - — Yohana yabonye Ubuturo Bwera bwo mu ijuru bukinguye, kandi muri bwo “habonekamo” isanduku y’isezerano (Ibyahishuwe 11:19). Ese Isanduku yo mu Buturo Bwera bwo mu ijuru yari yarahishwe kugeza icyo gihe? Ese iri yerekwa ryerekezaga ku ki?
  - — Isanduku yagumaga “ihishwe” umwaka wose, kandi yashoboraga “kuboneka” gusa ku munsi w’impongano (Abalewi 16: 2, 12–13). Kuri uwo munsi urubanza rwaracibwaga, maze ibyaha bigakurwaho burundu (Abalewi 16:30).
  - — Kimwe n’uko byari biri ku yayicureraga yo ku isi, isanduku y’isezerano irimo amategeko 10, urubanza rwacu rugenderaho. Irimo kandi intebe y’ihongerero, ikimenyetso cy’imbabazi z’Imana, aho amaraso ya Yesu atwikira ibyaha byacu (1Petero. 1:18–19; 1Yohana 2:2; Zaburi ya 85:10).
- ❖ **Amategeko ahoraho.**
  - — Nubwo ubu byabaye gikwīra kumva abantu bavuga ko ku musaraba Yesu yakuyeho amategeko 10, iyo ntiyari inyigisho y’abagorozi, kandi ntabwo ari byo Bibiliya yigisha.
  - — Nubwo ari ukuri ko ku musaraba, amabwiriza n’imihango ajyanye n’Ubuturo Bwera bwo ku isi byarangije umurimo wabyo, ntabwo ari ko bimeze ku Mategeko agenga imyitwarire; (Abefeso 2:15).
  - — Amategeko y’Imana ni ay’iteka ryose, ntagira igihe, aratunganye, kandi agenga imyitwarire ya buri kiremwa cy’Imana cyose gifite ubwenge (Zaburi ya 19:7; 119:142; Abaroma 7:7, 12, 16, 22, 25; 1Yohana 3:4).
  - — Muby’ukuri, Amategeko ahoraho kuko agaragaza imico y’Imana ubwayo (Zaburi ya 89:14;119:172b, 142b).

**B Isabato:**

- ❖ **Icyo Isabato isobanuye.**
  - — Itegeko rya kane risaba kubahiriza Isabato kubw’impamvu ebyiri: kuko Imana yaturemye (Kuva 20: 8–11); kandi kubera ko yaducunguye (Gutegeka 5:12–15).
  - — Kuri twe, Isabato ni ikiruhuko cya buri minsi irindwi kugira ngo turamye Umuremyi wacu, dutekereze ku rukundo Rwe rwaducunguye; kandi twibuke amasezerano Ye yo kubana na We mu Irema Rishya. Tubyumvise muri ubu buryo, Isabato itubera umugisha udasanzwe uturuka ku Mana yacu.
  - — Itwibutsa ko Imana yadukunze cyane ku buryo itadutereranye n’igihe twitandukanije na Yo.
  - — Mu kubahiriza Isabato, tugaragaza ubudahemuka bwacu ku Witeka, n’icyifuzo cyacu cyo kumuramya wenyine.
- ❖ **Isabato n’igihe cy’imperuka.**
  - — Ibyahishuwe 13 hasobanura ububasha butari bumwe bukoreshwa na Satani mu gushukira isi kurwanya Imana. Ibintu byose muri iki gice bifitanye isano no kuramya (Ibyahishuwe 13:4, 8, 12, 15).
  - — Bumwe mu bubasha bwavuzwemo bufitanye isano itaziguye n’agahembe gato ko muri Daniyeli 7, kibwira guhindura ibihe n’amategeko (Ibyahishuwe 13: 5; Daniyeli 7:25).
  - — Ubwo bubasha bwavanyeho itegeko rya kabiri (buramya ibishushanyo), kandi buhindura irya kane (igihe cyo kuramya), bugerageza kwimurira ukwera k’Umunsi wa Karindwi ku Munsi wa Mbere w’icyumweru.
  - — Mu bihe biheruka, buzahatira abantu kuramya “igishushanyo” binyuze mu kubuza abantu kugura no kugurisha [iyi ni imirimo ibujijwe ku Isabato] (Ibyahishuwe 13:14–17). Iki “kimenyetso cy’inyamaswa” ni ikimenyetso kitubwira abantu bazemera nk’umunsi wo kuramya, Umunsi wa Mbere w’icyumweru washyizweho n’umuntu, aho kuba Umunsi wa Karindwi washyizweho n’Imana.

**C Amategeko, Isabato, no kuramya.**

- ❖ Ubutumwa butatu bubwirizwa mu gihe cy’imperuka bufitanye isano no kuramya, kandi kubw’ibyo, bufitanye isano n’Isabato n’Amategeko y’Imana.
  - — Ubutumwa bwa mbere (Ibyahishuwe 14:6–7): Kwitegura urubanza (rushingiye ku Mategeko), no kuramya Umuremyi (nk’uko Isabato ibitwibutsa)
  - — Ubutumwa bwa kabiri (Ibyahishuwe 14:8): Kwitandukanya n’ububasha bw’iby’idini buramya Imana mu kinyoma
  - — Ubutumwa bwa gatatu (Ibyahishuwe 14:9–11):Guhitamo uramywa n’uburyo bwo kuramya: Imana, wubahiriza Isabato; cyangwa umwanzi, wakīra ikimenyetso cye
- ❖ Kugira ngo bakomeze amategeko muri ibyo bihe bikomeye, bakeneye kwakira kwizera kwa Yesu: kutajegajega; kwimbika; gukorana umutima; kutaneshwa (Ibyahishuwe 14:12).